**Itangazo ry'umuryango wa nyakwigendera Prezida Yuvenali HABYARIMANA rinenga raporo ya «Komite y'Impuguke yigenga» y'u Rwanda ku ihanurwa ry'indege ya Prezida ryakozwe ku itariki ya 6 Mata 1994**

Duhereye ku itangazwa rya raporo yitiriwe « Mutsinzi » ku ihanurwa ry'indege ya Prezida w'u Rwanda ku itariki ya 6 Mata 1994 ryahitanye ababyeyi 12 b'imiryango y'Abanyarwanda, Abarundi n'Abafaransa*; twe tugize umuryango wa Prezida w'u Rwanda Yuvenali Habyarimana twabonye ari ngombwa ko tumenyesha imbaga y'Abanyarwanda n'Amahanga ko bagomba kutita ku buriganya no ku kuyobya uburari bitwikira icyo cyaha cy'iterabwoba cyatuvukije umubyeyi.

Mbere na mbere turakemanga ugushyira mu gaciro kw'iyo «Komité y'Impuguke yigenga» kubera ko kuvuga ngo «irigenga» ari ukuyisiga irangi bigamije kuyamamaza no kuyiha isura idafite. Ntawe uyobewe ko umuyobozi wayo bwana Yohani Mutsinzi ari mu bashinze FPR iri ku butegetsi, akaba yaranabaye Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga rw'u Rwanda kuri ubwo butegetsi bwa FPR. Kuba ari icyegera cya Kagame ku buryo buzwi nta kuntu Komisiyo ayobora yakwerekana uruhari rw'ishyaka yashinze hamwe n'uruhari rwa bagenzi be barimo na Kagame ubwe, kuba aribo ba nyirabayazana bategetse ihanurwa ry' indege ya Prezida kandi nyamara ipereereza ryakozwe mu rwego mpuzamahanga aribo ritunga agatoki.

Twifuza kumenyesha imbaga y'Abanyarwanda n'Amahanga ko dushidikanya ku bwigenge bw'iyo Komisiyo y'u Rwanda yashinzwe muri Mata 2007, abayigize bagashyirwaho mu Gushyingo kugirango batangire imirimo yabo mu Kuboza k'uwo mwaka, hashize hafi imyaka 14 nyuma y'iryo shyano.
Ibi bikaba bigaragaza nta shiti ko guverinoma y'u Rwanda ititaye kuri icyo kibazo kuva FPR ifashe ubutegetsi, ikaba ntacyo yakoze kugirango ukuri kuri icyo cyaha cy'iterabwoba kimenyekane. Uko kutabyitaho byemejwe na Pawulo Kagame ubwe mu mpera z'umwaka wa 2006 igihe yavugiye kuri televiziyo na radiyo mpuzamahanga (BBC na RFI) ko kugaragaza ukuri ku iyicwa rya Prezida Habyarimana bitamushishikaje kandi ko ntacyo bimubwiye.

Abategetsi b'i Kigali bitwaza ko ngo bandikiye Umuryango mpuzamahanga ureba indege za gisivili (OACI) iwusaba gushyiraho Komisiyo yo mu rwego mpuzamahanga; ariko ngo uwo muryango ntusubize. Turibaza niba hari icyo ubutegetsi bwa FPR bwakoze kugirango busabe butitiriza ko hagira igikorwa!
Twemeza ko iyo guverinoma y'i Kigali iba yarakoranye koko ubushake bwo gusaba ipereereza mpuzamahanga iba yarabigeze ho, kandi Pawulo Kagame ntaba yaratangaje ko ipereereza ku iyicwa rya Prezida Habyarimana ritamushishikaje kandi ko ntanicyo bimubwiye.
Ikindi kandi, guverinoma y'u Rwanda yagombye kuba yaritaye ku byo Abarundi bibaza kuberako na Prezida wabo Sipriyani Ntaryamira yahitanywe n'icyo gikorwa cy'iterabwoba, ku butaka bw'u Rwanda, bigatuma yumva ko ari yo igomba gukora ibishoboka byose hagashyirwa ho Ipereereza mpuzamahanaga.

Birazwi kandi mu ruhame ko itsembabwoko ryakozwe mu Rwanda ryatewe n'icyo gikorwa cy'iterabwoba cyo ku itariki ya 6 Mata 1994. Mu myaka 15 yose Pawulo Kagame n'ubutegetsi bwe ntibigeze bashaka ko iby'icyo cyaha cy'iterabwoba bijya ahagaragara, kandi nyamara aricyo nta shiti ntandaro y'akaduruvayo kayogoje Akarere k'Ibiyaga Bigari. Uko kutabyitaho k'ubutegetsi bw'u Rwanda byerekana ko FPR ihunga byanze bikunze ko uruhari rwayo runini mu itsembabwoko rwagaragara ku buryo budasubirwaho.

Kuva muri 1998 ubucamanza b'Ubufaransa buzobereye mu gukora ipereereza ku byaha by'iterabwoba, burikora ku ihanurwa ry'indege ya Prezida Habyarimana. Imikorere yabwo itandukanye n'ibya raporo Mutsinzi n'ibyo abarwanya ukuri bavuga. Ubucamanza b'Ubufaransa bwatangiye ipereereza buhereye ku kirego cyatanzwe n'umwe mu miryango y'Abafaransa bahitanywe n'ihanurwa ry'indege. Ntabwo bwabitegetswe n'ubutegetsi bw'Ubufaransa. Ubwigenge, ugushyira mu gaciro n'ubuhanga ubucamanza bw'Ubufaransa bukorana ipereereza, bihinyuzwa gusa n'abafite uruhari muri icyo cyaha cy'iterabwoba cyangwa abashaka ko amateka y'itsembabwoko ryakozwe mu Rwanda akomeza kuzinzikwa no kuvugwa uko atari.
Ipereereza rikorwa n'ubucamanza bw'Ubufaransa natwe twaregeye, niryo ryonyine ryemewe ku geza ubu kuri iryo hanurwa ry'indege. Kunnyenga no gupfobya umurimo wakozwe imyaka

11 n'abagabo n'abategarugori bazobereye mu iperereza mpuzamahanga ryerekeye ibyaha by'iterabwoba ni agasuzuguro ku bahitanywe n'icyo gikorwa no ku bucamanza bw'ukuri twizeye.

Tuributsa kandi ko atari Abacamanza b' Abafaransa bonyine bagaragaje kandi bemeza uruhari rwa Pawulo Kagame na FPR muri icyo cyaha cy'iterabwoba. Mbere yabo hari bwana Michel Hourigan, umugenzacyaha ukomoka muri Australiya wakoreraga Urukiko mpuzamahanga rwa Arusha ku Rwanda (TPIR), wabikoze ho raporo muri Gicurasi 1997 ayiha LONI na TPIR.
Iyo raporo yatungaga agatoki ku buryo bugaragara Pawulo Kagame imuvuga izina, ku ruhari rwe na FPR mu ihanurwa ry'indege ku itariki ya 6 Mata 1994.
Kuva ubwo abategetsi b'i Kigali batunzwe agatoki, Hourigan n'abo yari ayoboye muri iryo perereza bahawe itegeko ryo kurihagarika.
Madamu Carla Del Ponte wari umaze imyaka itari mike ari Umushinjacyaha mukuru muri TPIR yabonye ko gukomeza gukora iperereza ku Bahutu gusa bitazagaragaza ukuri. Nuko agaragaza ubushake bwo kurikora no ku byaha byakozwe na FPR. Yari yitaye by'umwihariko ku ihanurwa ry'indege ya Prezida Habyarimana ku itariki ya 6 Mata 1994. Kandi yari mu bashyigikiye ko gukora iperereza ku ihanurwa ry'indege biri mu bubasha bwa TPIR. Yaravuze ati: « niba bigaragaye ko ari FPR yahanuye indege, ni amateka yose y'itsembabwoko agomba kwandikwa ku bundi buryo».
Ubwo bushake yagaragaje bwo kurenganura abazize amarorerwa bose nta kubogama, bwatumye avanwa ku mwanya we w'Umushinjacyaha mukuru muri TPIR bitewe n'icyokere Pawulo Kagame yashyize kuri LONI.
Ubucamanza bwa Espanye nabwo bwakoze iperereza ku byaha by' itsembabwoko byakorewe mu Rwanda no muri Repubulika ya Kongo iharanira Demokarasi butunga agatoki Pawulo Kagame na FPR ko aribo bategetse ihanurwa ry'indege ya Prézida Habyarimana.

Raporo Mutsinzi yegeka icyo cyaha cy'iterabwoba ku bahoze mu Ngabo z'Igihugu (Ex-FAR), cyane cyane ba ofisiye bakuru Bagosora, Ntabakuze na Nsengiyumva. Abo ba ofisiye bakurikiranywe kandi bafunzwe n'urukiko rw'Arusha TPIR.
Igitangaje ni ukubona mu kuburana kwabo abo ba ofisiye batarahwemye gusaba TPIR gukora iperereza ku iyicwa ry'Umukuru w'iguhugu cy'u Rwanda kugirango abafite uruhari mu itsembabwoko ryakozwe mu Rwanda bagaragare. Ariko ntabwo TPIR yitaye kubyo bayisabye.
Bituma twibaza ukuntu abantu bakurikiranyweho icyaha cy'itsembabwoko bamaze imyaka baharanira kugaragaza ko ari abere bakwishyira umurunga ku ijosi basaba TPIR gukora iperereza ku cyaha baba barakoze ubwabo!
Twemeza ko iyo aba ari bo bakoze kiriya cyaha cy'iterabwoba kandi ntandaro ya kariya kandare, TPIR iba yarihutiye kugikoraho iperereza.

Umubare w'abatangabuhamya (557) Komisiyo Mutsinzi yumvise siwo uha agaciro imyanzuro yayo. Umuntu wese uzi ibibera mu Rwanda azi ko nta burenganzira abantu bagira, kwicwa byabaye akamenyero. Umuntu apfa kuba atavuga rumwe na FPR agatungwa agatoki, akicwa cyangwa agafungwa. Imiryango mpuzamahanga irengera ikiremwa muntu idahwema kwamagana ibikorwa bibi by'ubutegetsi bwa FPR ishobora kubitangira ubuhamya.
Birumvikana ko abatanze ubuhamya, ahanini bahoze mu ngabo z'Igihugu, hari icyo batinye bagatanga bagononwa ubuhamya bukingira FPR babeshyera bagenzi babo.

Tuributsa ko mu muryango wacu hari abatangabuhamya biboneye n'amaso yabo uko indege yahanuwe bari mu rugo iwacu i Kanombe. Bose bemeza nta shiti ko misile zarashe indege zaturutse ku gasozi ka Masaka cyangwa mu kabande kako. Abo batangabuhamya babibonye n'amaso yabo, barebaga agasozi ka Masaka imbere yabo igihe indege ya Prezida yazaga igana ku kibuga cy'indege, naho Ikigo cya gisirikari cya Kanombe cyari iburyo kandi gato inyuma yabo. Ariko nta n'umwe muribo Komisiyo Mutsinzi yabajije. Keretse niba imiterere y'ako karere k'u Rwanda n'iy'imisozi yako byarahindutse kuva muri 1994, naho ubundi imyanzuro ya raporo Mutsinzi kuri icyo kibazo ni ibinyoma gusa.
Raporo Mutsinzi yerekana amafoto y'ibisigazwa by'indege yafashwe n'umwe mu bana ba Prezida wakurikiye ibyabaye n'amaso ye. Igitangaje ni uko iyo raporo ifata ayo mafoto nk'icyemezo cy'ibyabaye ariko ntishore kwita ku butangabuhamya bw'uwayafashe !

Tuributsa kandi ko uwo mutangabuhamya, Jean-Luc Habyarimana, yatangaje ibyo yabonye mu ipereereza rya juji « Bruguière » n'imbere y'Urukiko rw'Arusha TPIR incuro ebyiri.

Ntidushobora kandi kwihanganira na gato ko umubyeyi wacu aregwa by'agashinyaguro ngo afite uruhari mu iyicwa ry'umugabo we.
Raporo Mutsinzi ivuga ko ngo mu mpera w'ukwezi kwa Werurwe 1994 Prezida Mobutu wa Zaïre (ubu Repubulika ya Kongo iharanira Demokarasi) yatelefonnye Madamu Habyarimana akamumenyesha ko hari umugambi mubisha ukorerwa umugabo we, ngo ariko Madamu ntabibwire umugabo we, kandi Mobutu yarabimusabye akomeje. N'ubwo hari abatagira isoni zo guhemuka ntidushobora kumva agashinyaguro kageze aho!
Iyo Komisiyo yaba yarabajije ba Prezida Mobutu na Habyarimana mbere y'uko bitaba Imana? Yaba yarabyumvanye Madamu Habyarimana ku buryo butunguranye? Kuki Prezida Mobutu yaba yarahisemo kumenyesha mugenzi we uwo mugambi mubisha abinyujije ku mugore kandi yari azi ko bazibonanira i Gbadolité ku itariki ya 4 Mata 1994?
Baravuga kandi ngo Madamu Habyarimana yaba yarabyemereye Prezida Mitterrand kuri telefoni ku itariki ya 6 Mata saa tatu n'igice z'ijoro (21h30), undi atelefonnye kugirango amukomeze. Madame Habyarimana ntiyigeze avugana na Prezida Mitterrand kuri uwo mugoroba. Ibyo ni abuswa kuri iyo Komisiyo n'abatangabuhamya bayo bitsindagira uko tuyibona.

Kuri twe imyanzuro ya raporo Mutsinzi yari izwi mbere y'uko Komisiyo itangira gukora kuberako abayigize batari kurenga ku nshingano bahawe na guverinoma y'u Rwanda yo kugira umwere FPR n'umukuru wayo Pawulo Kagame.
Dukomeje kugirira icyizere ubucamanza bw'Ubufaransa mu kugaragaza ukuri kuri kiriya cyaha cy'iterabwoba, kandi dukomeje no kubabazwa n'imyifatire y'Umuryango mpuzamahanga nyuma y'imyaka 15 ishize iryo shyano ribaye.
Igihe nta kuri gufite ihame n'ishingiro kuri iryo shyano ryo ku itariki ya 6 Mata 1994 kugaragaye, itsembabwoko ryabaye mu Rwanda rizakomeza rikoreshwe ku buryo budakwiye n'abafite inyungu mu guhisha ukuri.
Twongeye gusaba Umuryango mpuzamahanga inshingano yawo yo gufasha abazize amarorerwa yabaye mu Rwanda kubona ubutabera butabogamye. Nibyo bizafasha Abanyarwanda bose kugira urwibutso rw'ukuri kugira ngo bazagere ku bwiyunge nyabwo.

**Bikorewe i Paris, tariki ya 25 Mutarama 2010**

**Umuryango wa Yuvenali Habyarimana :**

**Léon Habyarimana** **Bernard Habyarimana** **Jean-Luc Habyarimana**

<u>* Urutonde rw'abaguye mu ihanurwa ry'indege ya Prézida Habyarimana ku itariki 6 Mata 1994</u>

1. Jenerali Majoro **Yuvenali HABYARIMANA**, Prezida wa Repubulika y'u Rwanda
2. Bwana **Sipriyani NTARYAMIRA**, Prezida wa Repubulika y'u Burundi
3. Bwana **Berenardo CIZA**, Minisitiri wa Leta ushinzwe Igenamigambi ya leta Iterambere no gusana u Burundi
4. Monsieur **Siriyake SIMBIZI**, Minisitiri w'Itumanaho akaba n'Umvugizi wa guverinoma y'u Burundi
5. Jenerali Majoro **Deogratiyasi NSABIMANA**, Umugaba z'Ingabo z'u Rwanda
6. Ambasaderi **Yuvenali RENZAHO**, Umujyanama wa Prezida w'u Rwanda mu mubano n'ubutwererene n'Amahanga (diplomasi)
7. Koloneli **Eliyasi SAGATWA**, Umunyamabanga wihariye wa Prezida w'u Rwanda, ushinzwe n'umutekano wa Prezida
8. Dogiteri **Emmanuweli AKINGENEYE**, Umuganga wihariye wa Prezida w'u Rwanda
9. Majoro **Thaddeyo BAGARAGAZA**, Ofisiye uherekeza Prezida w'u Rwanda kandi wari wungirije umukuru w'umutwe w'Ingabo zarindaga Prezida
10. Majoro **Jacky HERAUD**, Umuderevu mukuru w'indege Falcon 50 ya Prezida w'u Rwanda
11. Komanda **Jean-Pierre MINABERRY**, Umuderevu wungirije wa Falcon 50 ya Prezida w'u Rwanda
12. Ajida shefu **Jean-Michel PERRINE**, Makaniki ujyana n'indege wa Falcon 50 ya Prezida w'u Rwanda